UMWITOZO WO GUHUMEKA

©1994 by Roger J. Callahan,Ph.D.

Ubu buryo bufata iminota mike, bukaba bugizwe n'imyitozo yo guhumeka ndetse no gudodanga inshuro mirongo ine—inshuro makumyabiri ukoresheje intoki za buri kiganza n'izindi nshoro makumyabiri ukoresheje ibikonjo by'intoki, usimburanya ibiganza.

Kumenya uduce ukoraho munsi y'urwano

Uduce ukoraho duherereye munsi gato y'inzano zombi, kuri buri ruhande rw'akobo kagabanya inzano(reba ku gishushanyo).Uturutse ku kanogo kari hagati y'inzano aho umuhogo utangirira, manuka nka cm 2 n'igice hanyuma ujye iburyo cg ibumoso izindi cm 2 n'igice. Ni aho.

Uburyo 5 uhumekamo.

Hari uburyo butanu uhumekamo muri uyu mwitozo:

1. Humeka bisanzwe inshuro nk'eshanu.
2. Injiza umwuka mwinshi uwufatire hejuru nk'amasegonda atanu.
3. Sohora kimwe cya kabiri cy'umwuka uwusigayemo uwugumane nk'amasegonda atanu.
4. Rekura umwuka wose uzigayemo uwufate nk'amasegonda atanu.
5. Injiza icyakabiri cy'umwuka uwufatire nk'amasegonda atanu.

Aho ushyira intoki cyangwa ibikonjo by'intoki

1 Shyira **imitwe y'intoki** munsi y'urwano, hanyuma ukomange inyuma ku kiganza gifashe munsi y'urwano, mu gihe uhumeka muri bwa buryo butanu twavuze hejuru.Komanga wihuse inshuro zigera kuri eshanu kuri buri buryo bwo guhumeka.

2 Jyana **ya mitwe y'intoki** munsi y'urundi rwano hanyuma usubiremo bwa buryo butanu bwo guhumeka kandi ukomeza gukomanga inyuma ku kiganza gikoze munsi y'urwano, nkuko wabikoze mbere.

3 Noneho hina **intoki ebyiri** hanyuma ukoze **ibikonjo** munsi y'urwano hahandi nyine wakozaga imitwe y'intoki; ukomeza gukomanga inyuma ku kiganza ari nako uhumeka muri bwa buryo butanu twavuze hejuru.

4 Jyana bya bikonjo ku rundi ruhande munsi y'urundi rwano hanyuma nk'ibisanzwe ukomanga inyuma ku kiganza kandi unahumeka muri bwa buryo butanu.

5 Hinduranya ibiganza usubiremo nk'ibyo wakoze kuva 1-4.

<u>Icyitonderwa</u>:Mugihe ukora ibyo, wikoza inkokora ku mubiri cyangwa ikindi gice cy'ikiganza uretse za ntoki ebyiri cyangwa ibikonjo by'izo ntoki(gerageza uhine intoki ebyiri cyangwa ibikonjo kuburyo zidakorana n'izindi igipfunsi)